D2 Patrimoine culturel.

Guraba umukozi (entrepreneur) wo kwiga ibikenewe mu gusana Ingoro y'Umwami mu Rukali n'inzu...

1998

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO**
**UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE**
**B.P. 1044 KIGALI**
**TEL: 8 3527**
**FAX: (250) 8 3518**

**Kigali, ku wa**

**N°......../.............**

Kuri Bwana Minisitiri w'Imirimo ya Leta
**KIGALI**.

**OBJET**: Gusaba umukozi (Entrepreneur) wo kwiga ibikenewe mu gusana Ingoro y'Umwami mu Rukali n'inzu Ndangamuco (Centre Culturel de Nyanza).

Bwana Minisitiri,

Nejejwe no kubandikira mbasaba umukozi wa Minisiteri muyobora wo kwiga ibikenewe mu gusana Ingoro y'Umwami MUTARA III RUDAHIGWA yo mu RUKALI n'inzu ndangamuco (Centre Culturel de Nyanza).

Uwo mukozi azafatanya ako kazi n'Ubuyobozi bw'Umuco n'Ubugeni muri Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse.
Umuntu mwaduha yakwitegura kujyana n'abakozi bacu gusura ibyo bigo by'i Nyanza ku wa ~~gatatu~~ gatanu tariki ~~17~~ 20 Kamena 1998 saa tatu za mu gitondo.

Mbaye mbashimiye.

**Dr. Yakobo BIHOZAGARA,**

Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco
no Kwigisha Imyuga Iciriritse.